



PARTICIPANT MANUAL

**HELPING
WITHOUT
HURTING IN
AFRICA**


JONNY KABISWA KYAZZE AND ANTHONY SYTSMA

WITH BRIAN FIKKERT


**GUFASHA
KUTANGIZA**

**Igitabo
cy'Umwigishwa**

**Jonny Kabiswa Kyazze *na* Anthony
Sytsma
Bafataniye na Brian Fikkert**



**The
Chalmers
Center**



Gufasha utangiza-Afurika Igitabo cy'umwigishwa



Isomo 1: Iriburiro

Iriburiro

Aya ni amagambo yavuzwe n'imprimbanyo mu kurengera ibidukikije Wangari Maathai:

'Afurika yakomeje gukandamizwa igihe kirenze igihagije, byaba ari mu gihe cy'akarengane gakabije cy'ubucakara, no mu gahato k'ubukoloni, dusabiriza inkunga y'ibihugu bikize, twishyura imyenda y'umurenge idafite ishingiro, cyangwa dusenga by'amaburakindi ngo Imana idukorere ibitangaza. Kuva ku bakomeye kugeza ku bohorohere, imyumvire y'Abanyafurika bakandamijwe n'ubukoloni igomba guhinduka. Bagomba kwigirira icyizere bushyashya, bumve ko bashobora kwishakira ibisubizo cyangwa bakisubiza ikibaranga cyabo (identity), biyumvemo ko bagomba kugira ubuyobozi burangwa n'ubutabera, imicungire myiza n'umucyo mu byo bakorerwa, bakagombye guterwa ishema n'imico yabo gakondo bakayihuza n'imibereho y'iki gihe. Ntibagombye guheranywa no kwiyumvamo umwenda udashira w'amafranga, ibyo ubwenge n'ubuhanga, n'iby'Umwuka batewe n'ababakandamije. Iki ni igihe cyo guhaguruka bemye no kwibohora.

Reka tubivuge cyane: Abanyafurika bagombye gucunga neza umutungo kamere wabo, bakawusaranganya neza mu gihugu barimo, bakawusaranganya n'ibindi bihugu by'Afurika. Naho ubundi, ibihugu bikize bizakomeza gukoresha urugomo cyangwa ubucakara, mu gusahura byose bajyana iwabo. Abanyafurika bagomba kwiyemeza niba bagomba kwishakamo imbaraga no gukoresha ingabire n'ubushobozi byabo mu kubaka inzego zitajegajega z'imiyoberere myiza, bityo bakazamura ubushobozi bwo kuvumbura/guhanga (creativity) no gukora (industry). Bitaba ibyo, bazagumya guhembera umwuka wa 'nyagufashwa' (dependency).

Twemeza ko ibyo Maathai yadukanguriraga (kubohoka), aribyo byatumye Umwami Yesu aza mw'isi aribyo kudukiza ibyaha ndetse no kuzana ubwami bw'Imana muri twe. Twizera ko ari muri Yesu wenyine Abanyafurika bahabwa kumenya Imana by'ukuri no kwakira urukundo rwayo kandi bagahabwa ibyiringiro by'ubugingo buhoraho. Ni muri Kristo wenyine Abanyafurika bazagera ku kwizera ko baremwe mw'ishusho y'Imana kandi ko nabo bahawe ibikenewe byose, ubuhanga, n'ubushobozi bwo kuvumbura no guhanga (creativity) byatuma bashobora kwegeza kw'iterambere, ko batari insina ngufi na ba Nyagufashwa. Binyuze mu gikorwa Umwami Yesu yakoze, Abanyafurika bazanesha ibihanda bibugarije aribyo ubushyamirane n'intambara, ubukene n'inzara, ruswa, kwangirika kw' ibidukikije n'ibindi.

Aya mahugurwa azafasha amatorero n'imiryango ya Gikrisito kongera imbaraga mu muhamagaro wo kuvuga ubutumwa bwiza no kugira ubuzima, imibereho yerekana koko ko turi ibisonga by'Ubwami bwa Krisito Yesu muri iyi isi yangiritse.



Gutangiza amahugurwa

Gusenga no kwibwirana

Imigendekere y'amahugurwa:

Gusenga no kwibwirana.

Kuvugana ku migendekere y'amahugurwa

Iki gitabo cy'umwigishwa gisemuwe mu kinyarwanda kiboneka muri Rabagirana Ministries muri soft. ni ubuntu. Ushatse kucyicapira yabyemererwa. Ugikeneye ahamagara telcyangwa akandikira email.....

Igitabo **cy'umwigishwa** mu cyongereza kiri kuri website ya 'Helping Without Hurting in Africa'. Umuntu yemerewe kukibona nta kiguzi mu buryo bwa 'soft'. Igitabo cy'umwigisha mu kinyarwanda ntikirasemurwa.

Igitabo gikuru cy'Umwigisha mu cyongereza kigurwa 'soft' kuri amazon.com. Ushaka kugura mu mpapuro yatuma i Nairobi/Kenya.

Amasomo yose agamije gufasha kurwanya ubukene no kuzana iterambere aho dukorera. Uwiga asabwa kuzana Bibiliya, impapuro n'ikaramu nubwo byinshi ashobora kubandika muri iki gitabo mu mwanya wagenwe.

Abiga basabwa kuhagera ku gihe, biteguye gutanga ibitekerezo, gusangira inararibonye no kwigira ku bandi.

Aya mahugurwa ashobora gukorwa rimwe cyangwa mu byiciro byinshi, buri cyiciro kigasaba ko ushyira mu bikorwa ibyo wize.

Intego y'amahugurwa

Intego nyamukuru ni uguhindura imyumvire no kubaka ubushobozi bw'abo Imana yahamagariye kurwanya ubukene no kuzamura imibereho y'abantu mu matorero n'aho batuye (community). Nituvugaga ko byoroshye. Nelson Mandela, wahoze ari umukuru w'igihugu cy'Afurika y'Epfo yagize ati: 'Kimwe mu bintu bigoye cyane si uguhindura sosiyete, ahubwo ni uguhindura wowe ubwawe.'



Umusaruro witezwe

- Gukura mu mibanire y'umuntu n'Imana, nawe ubwawe, n'abandi, n'ibidukikije.
- Gusobanukirwa mu buryo bwagutse icyo Ubwami bw'Imana ari cyo mu murimo ukora.
- Kuvugurura urukundo n'impuhwe umuntu afitiye abakene.
- Kongerera ubumenyi mu buryo wafasha abakene muri 'community' ikenye wirinda kubangiza.
- Kubaka ubushobozi ku buryo uwigishijwe ahabwa ubushobozi bwo kwigisha abandi mu matorero n'ahandi.
- Gukoresha mu muryango n'ahandi bimwe mu bitekerezo biri mu duce 'umukoro wo mu rugo.'
- Kwiteza imbere no guteza imbere itorerero, umuryango n'aho utuye mukoresheje ibyo mufite, utarindiriye ak'i muhana, abazungu n'imiryango nterankunga (NGO).

Twizera ko bamwe muri mwe nyuma yo guhugurwa, muzatanga izi nyigisho z' iterambere ritangiza' mu bandi bantu musangiye umutwaro wo gufasha abatishoboye. Nubwo abigishwa bose batahinduka abigisha, umuntu wese asabwa gusangiza abandi aya mahame, abo mu muryango, itorerero, itsinda ubarwamo nubwo wakoresha uduce 'umukoro wo mu rugo' twonyine.' (Take home).



Urutonde rw'amasomo

Umuntu uzakurikirana aya masomo yose akarangiza niwe uzahabwa 'certificate.' Uwo ni we wemererwa guhugura abandi. Ntibibujije ko n'abandi basangiza abantu ibyo bize no kubishyira mu bikorwa.

Amasomo (tuziga 1-8)

Isomo 1: Iriburiro	1.75 hours
Isomo 2: Kuki Yesu yaje mu Isi? Iri somo rigamije kuduha urufatiro (ishingiro) rwa Bibiliya ku ruhare rw'itorero mw'iterambere no kurwanya ubukene.	2 hours
Isomo 3: Ubukene ni iki? Iri somo ridufasha gusesengura byimbitse icyo ubukene aricyo, tuzanarebera uburyo (amoko) 4 bw'ubukene.	3 hours
Isomo 4: Imibanire yasenyutse muri Afurika Iri somo rizadufasha kureba uko ayo moko y'ubukene ateye muri Afurika n'uburyo yugarije aho dutuye uyu muni.	2 hours
Isomo 5: Kurwanya ubukene binyuze mu bwiyunge Iri somo rigamije kumva icyo twita 'intsinzi' (success) mu kurwanya ubukene, n'ibyagombye kuba intego zacu. Bizadufasha gutahura ibyo twakora mu kurwanya ubukene.	1.75 hours
Isomo 6: Ubutabazi, Kuzahura, Iterambere Iri somo risesengura ibyo twakora mu kurwanya ubukene mu bihe bitandukanye. Tuziga igihe cyo gutanga amafaranga cyangwa kutayatanga.	2.5 hours
Isomo 7: Ufite iki? ABCD Muri iri somo tuziga uko wakangurira abantu gutahura impano n'ubushobozi Imana yabahaye.	1.75 hours
Isomo 8: Isuzuma Iri somo rizadufasha gusuzuma iby twize, ridutegura kwinjira mu gika gikurikira.	1 hour
Ibibazo n'ibisubizo, Ubuhamya, Isuzuma no Gusenga	30 minutes



Imabare yerekana uko ikibazo cy'ubukene cyifashe muri Afurika.

Imana yagiye ikoresha abantu bayo mu guhindura imibereho y'abantu kandi hamwe impinduka nziza zagiye zigaragara. Ukurikije banki y'isi muri raporo yo muw'2016, ubukene bukabije mu bihugu by'Afurika bwagabanutse kuva kuri 57% muri 1990 kugeza kuri 43% muw'2012. Ibi nibyo kwishimira cyane.

Helping Without Hurting in Africa—Participant Manual

GDP in Africa is increasing at nearly 4% a year, higher than the world average of about 3% per year.⁴

Life expectancy has increased in Africa. In 2013 compared to 2000, life expectancy increased by 6.2 years per person on average.⁵

Between 1995 and 2012, adult literacy rates in Africa increased by 4 percent.⁶

We can all see the ways Africans are utilising the new technologies of the Internet and cell phones for education, communication, and development.

Despite all of these good changes, however, poverty in Africa persists. Sub-Saharan Africa remains the poorest region in the world.⁷ It is unacceptable that 43% of the entire population lives in extreme poverty, which is measured as living on less than \$1.90 USD per person per day.⁸

It is also discouraging that this poverty remains despite over \$1 trillion USD in development aid having been transferred to the African continent from rich countries in the last fifty years.⁹ While this aid has helped a lot in certain cases, it has not always been given wisely nor used wisely.

Only 25% of Africans have access to an improved water source.¹⁰

There is great inequality in Africa. The 10 richest individuals in Africa possess wealth equivalent to the wealth of the poorest half of the population.¹¹

HIV remains a serious problem in Africa. In 2012, 1.1 million people in the region died of AIDS—almost four times as many as in the rest of world combined (about 300,000).¹²

Malaria is another serious problem. The U.N. Millennium Project has calculated that a child in Africa dies from malaria every 30 seconds, or about 3,000 each day.¹³

Since 2010, violence has been on the rise in Africa, due to civil war, terrorism, and political unrest. There are four times more violent events currently than in the 1990s.¹⁴

Unfortunately, all this violence and war has not been helped much by aid from other countries. About 40 percent of Africa's military spending is financed by misused aid.¹⁵

Many African nations are also suffering because of huge debt burdens that they owe to rich nations. Because of debt interest, and in some cases because of corrupt rulers, many African nations find it impossible to pay off these loans.

In the last 50 years, there has been real change in Africa. By certain measures, there has been a decrease in poverty. But many challenges still remain. There is still a lot more work to do, and we need to do the work in better and more effective ways than we have done in the past.

Kuganira mw'itsinda rito

Ni irihe terambere ubona aho utuye? Ni ibiki abantu bakora mu kurwanya ubukene? Ni ibiki byerekana ko abantu barimo gutera imbere, bakivana mu bukene?

~~*Ni ibiki ubona bigaragaza ko ubukene bugihari? Ni izihe nzitizi zigihari mu kurwanya ubukene aho utuye?*~~

Uretse ibyo wowe n'itsinda ryawe mukora, ubona hari ibindi byakorwa mu kuzamura imibereho y'abatishoboye mw'itorero n'aho mutuye? Ni ibiki?

Umwitozo mw'itsinda rito (iminota 30-45)

Amabwiriza: Mw'itsinda rito mutoranye kimwe mu bibazo bikurikira. Mwandike ku rupapuro runini iteganyabikorwa (plan). Mwandike amazina yanyu. Urwo rupapuro murusubize umwigisha. Mwemerewe no kwandika ibisubizo byanyu mu gitabo.

Ibibazo mugiyeye gukemura:

Ikibazo cya 1—Hari umukene usabiriza ku muhanda. Umupasitori uheruka kubwiriza ku gufasha abakene, abenshi mu rusengeru baza gutsindwa biyemeza gufasha abakene kurushaho. Bamwe biyemeza gufasha abakene basabiriza ku muhanda. Benshi bakaba barabirengagizaga, bacye bakajya babajugunyira igiceri nabwo rimwe na rimwe. Abasabiriza bamwe bafite ubumuga, abandi ubona bafite amagara mazima. Bamwe ni abasaza n'abakecuru. None abanyetorero biyemeje gufasha abo batishoboye. Mutegure mu ncamake iteganyabikorwa ry'uburyo mugiyeye gufasha.

Ikibazo cya 2—Murifuza gufasha abapfakazi aho mutuye (community). Hari umunyetorero wagaragaje ko itorero ryagombye gufasha abapfakazi bari mu itorero. Abanyetorero basanze aribyo, bongeraho ko igikorwa cyo gufasha kigomba kugera no ku bapfakazi batari abanyetorero. Abapfakazi benshi aho mutuye bafite ibibazo by'ubukene bukabije, nubwo umuco mwiza usaba ko imiryango yabo ariyo igomba kubitaho. Benshi muri bo barakuze n'aho abapfakaye bakiri bato babuze uko bafasha abana babo. Mukore iteganyabikorwa.

Helping Without Hurting in Africa—Participant Manual

Ikibazo cya 3—Murateganya gufasha abana b'inzererezi aho mutuye. Abo bana bagiye bakinira hafi y'urusengero bakajya basaba amafaranga abaje gusenga. Iyo myitwarire yagiye ibangamira abanyetorero. Rimwe bagiye bandika ku nkuta z'urusengero. Bose bemeranije ko abo bana babaye ikibazo gikomeye ko hakwiye kugira igikorwa. Abayobozi bemeje ko abo bana bakeneye urukundo no kwitabwaho aho guhuruza abashinzwe umutekano. Abanyetorero bemeje ko bagiye kugerageza kugira icyo bakora.

Mukore iteganyabikorwa mbere yo gufata icyemezo cy'ikigomba gukorwa.

Muzakura he amafaranga n'ibindi bikenewe ?

Hari ibindi muzakora birenze gutanga amafaranga n'ibikoresho?

Ni bande bo mw'itorero no hanze yaryo muzafatanya iki gikorwa?

Ni izihe ntambwe muzatera mukora iki gikorwa?



Title—Helping Without Hurting in Africa

Ubuhamya bwa Jonny

Kuganira mw'itsinda rito—Ufite ubuhamya bw'uburyo wowe cyangwa umuryango/itorero mwashatse gufasha umuntu wari ufite ikibazo cy'ubukene muzi ko murikumugirira neza nyuma mukaza gusanga ahubwo mwamwangije (byabyaye izindi ngaruka mbi) kurushaho.

*Icyitonderwa: Kuba ibintu byagenda nabi mu gikorwa cyo gufasha, ntibibace intege ngo mureke gufasha abatishoboye. Tugomba kurushaho gutanga dufasha abakene ariko bikoranywe ubushishozi (wisdom).

Line drawing by Lisa Brown based on a photograph taken by Tabitha Kapic.

Wangari Maathai, *The Challenge for Africa* (New York: Pantheon Books, 2009). Kindle, ed., Loc. 248-53.

John Battersby, "Mandela", *Christian Science Monitor*, (10 February, 2000), 92, access online: <http://www.csmonitor.com/2000/0210/p15s1.html>.

Kathleen Beegle, Luc Christaensen, Andrew Dabalen, and Isis Gaddis, *Poverty in a Rising Africa* (Washington D.C., World Bank, 2016), xi, accessed online: <http://www.worldbank.org/en/region/afr/publication/poverty-rising-africa-poverty-report>.

"Recent Economic and Social Developments in Africa", *Economic Report on Africa 2016* (New York, United Nations, 2016), 3, accessed online: http://www.uneca.org/sites/default/files/PublicationFiles/era2016_chap1_en-rev6may.pdf.

Beegle, et al, *Poverty in a Rising Africa*, 88.

Ibid., 11.

⁷Dambisa Moyo, *Dead Aid: Why Aid is Not Working and How There Is a Better Way for Africa* (New York, Farrar, Straus, and Giroux, 2009), Kindle ed., Loc. 240-241.

Amy Frykholm, "Ending Extreme Poverty", *Christian Century* (8 June, 2016), 133, accessed online: https://www.christiancentury.org/article/2016-05/ending-extremepoverty?CID=POV_TT_worldbank_EN_EXT.

Moyo, *Dead Aid*, Kindle ed., Loc. 248-50.

Economic Report on Africa 2016, 26.

Beegle, et al., *Poverty in a Rising Africa*, 136.


Ibid., 92.

<https://borgenproject.org/10-quick-facts-about-poverty-in-africa/>.

Helping Without Hurting in Africa—Participant Manual

Beegle, et al, *Poverty in a Rising Africa*, 12.

¹⁵Paul Collier, *The Bottom Billion: Why the Poorest Countries Are Failing and What Can Be Done about It* (Oxford University Press, 2007), Kindle ed., Loc. 1700-1701.



Helping Without Hurting in Africa

Igitabo cy'umwigishwa



Isomo 2: Kuki Yesu yaje mw'isi?

Ikibazo kuri bose

Ni gute abo mw'itorero/itsinda ryawe basubiza iki kibazo, 'Kuki Yesu yaje mw'isi?'

Umurimo wazanye Yesu

Uko dusubiza iki kibazo, bizagena uko tuzafata umukene n'ibyo tuzamukorera.

Luka 4:16-21; Luka 7:18-23; Luka 4:43

Yesu yaje mw'isi kubwiriza abakene ubutumwa bwiza bw'ubwami bw'Imana, yakoze ibikorwa byiza bihamya (demonstrate) ubutumwa bwiza.

Yesu, Umwami w'abami yakoresheje ububasha bwe gusana (gutunganya, kongera kurema bushya, restoration) ibintu byose byahindanijwe n'icyaha. Ntiyaje gukiza ubugingo bwacu gusa, ahubwo yaje no kudukiza indwara, kuduha amahoro, gushyiraho ubwami bw'Imana, no guhindura byose kuba bishya (re-creation).

Nidutekereza ko icyazanye Yesu ari ukujyana abantu mw'ijuru, bizatuma tuvuga ubutumwa bugamije gukiza ubugingo gusa (umuntu w'imbere). Ariko nidusobanukirwa ko Yesu yazanye ubwami bushya, tuzagira imyumvire y'ubwo bwami, ubuzima bwacu buzagaragaza ko turi abaturage (abanyagihugu, citizens) bw'ubwo bwami.

Nibyo koko, tuzavuga ubutumwa bukiza imitima, ariko tuzagira n'imibereho yerekana urukundo no kwita ku bababaye. Tuzuzura inshingano y'itorero yo kubwiriza abakene ubutumwa bwiza, ibyo tukabijyanisha no gukiza abarwayi, kwita ku bakene, komora abafite ibikomere ku mitima, kurenganura abarengana, no guha ibyiringiro abatabifite.

**Gukizwa ndetse no gutsindishirizwa bizanwa
no kwizera gusa**

Dukeneye kumenya inzira itwinjiza mu bwami bw’Imana. Tumaze kwakira agakiza (kwakira Yesu), duhinduka abenegihugu (citizens) b’ubwami bw’Imana, twakira imigisha yose y’ubwo bwami kandi tukagira ibikorwa by’urukundo biranga abo muri ubwo bwami. None se, ni gute ubuzima n’urupfu rwa Yesu bituzanira agakiza?

Ikibazo kuri bose:

Yesu adukiza gute (agakiza? Ni gute twinjira mu bwami bwe?

Abaroma 3:10-12, 23

Abefeso 2:8-9; Abaroma 3:21-24

Iyo twunzwe na Kristo, dutsindishirizwa imbere y’Imana. Iyo iturebye, itubona nk’abakiranutsi kuko duhabwa gukiranuka kwa Kristo.

Abaroma 5:17-19

Ntidushobora kwikiza ubwacu kubw’imirimo yacu myiza. Dukizwa kubwo gukiranuka kwa Yesu n’irimo ye myiza. Imana ibona ugukiranuka kwa Kristo muri twe. Nta bwoba bwo gucirwaho iteka ku muni w’urubanza. Dukizwa kubwo kwizera Kristo. Iri hame niryo twita ‘gutsindishirizwa no kwizera.’

Icyitonderwa: dusabwa gukora imirimo myiza. Ntidukizwa n’imirimo ariko abizera Kristo by’ukuri bagira ubuzima bunezeza Imana, burangwa no kwihana, kwatura ibyaha no kwera imbuto nziza.
Abaroma 6:1-2, 15; Abefeso 2:10; Matayo 7:17; Yakobo 2:17-18; 1 Yohana 1:8-10

Ikibazo kuri bose:

Ese abantu benshi bemera ko umuntu akizwa no kwizera Kristo bityo akabarwa nk'umwe (citizen) mu bwami bw'Imana, cyangwa bakizwa kuko bakeneye ko Imana ibakorerera igitangaza (kubaha ibyo kurya, imyambaro, viza, cyangwa ugukira indwara)?

Sobanura impamvu y'igisubizo cyawe.

Dutsindishirizwa no kwizera Kristo, tugahinduka abana b'Imana, bityo tugahabwa imigisha yo mu bwami bw'Imana. Ku batizera Kristo ahubwo bishakira ko Imana ibaha ibyo bakeneye, ubwami bw'Imana kuribo ntacyo bivuze. Nibatihana, bazacirwaho iteka.

Nitwifuzaga ko Imana iduha ibyo dukeneye byiza, twagombye kwiwunga nayo, tukababwirwa ibyaha, bityo tugatsindishirizwa no kwizera Kristo. (Uretse ko Imana igirira neza bose).



Ubwami bw'Imana n'uruhare rw'itorero

Ikibazo kuri bose:

Twakomeje kuvuga 'ubwami bw'Imana.' Ese ubwami bw'Imana ni iki? Buri he? Ese buriho uyu muni cyangwa turabutegereje buzaza?

Abakolosai 1:15-20. Twiga muri iki gice ko Yesu ari we waremye byose akaba ariwe ubishyigikira (sustainer), muri we Imana yiyunze n'ibyaremwe byose. Yesu yapfuye kugira ngo adukize, bityo yunge Imana n'ibyo yaremwe byose. Bivugaga ko Imana ishaka ko, binyuze muri Yesu, igarura imibanire yacu nayo, n' imibanire yacu n'abandi ndetse n'ibyaremwe.

Dukeneye kumenya ko ubwami bw’Imana bwaje ariko nanone ko buzaza mu bwuzure bwabwo. Ubwami bw’Imana Yesu yigishije yemeza ko bwaje, bwatangiye igihe Yesu yazaga mw’isi agapfa akazuka. Bivuga ko n’ubu twakiriye umugisha w’ubwami bwa Kristo. Ibyahishuwe 21:1-4.

Kuko ubwami bw’Imana buhari, Umwuka Wera akaba akora, twakwemeza ko Imana ishobora kudukoresha guhindura ibintu, tukarwanya ubukene, tukazana iterambere aho dutuye. Yesu yabwirije abakene ubutumwa bwiza, akemura ibibazo byinshi. Ariko, kuko ubwami bw’Imana butari bwuzura (fullness), ntitwakwihandagaza ngo tuzamaraho ubukene bwose n’ibindi bibazo byose. Twagabanya. Naho ubundi abakene bazaba bagihari kugeza igihe Yesu azazira.

Matayo 6:9-10.

Ibyavuzwe na Desmond Tutu, wahoze ari Arkiyeskopi muri Afurika y’Epfo:

Mwana w’Imana, nkwandikiye aya magambo, twese tujya tubabara, hari igihe twiheba. Isi izarinda irangira tugihura n’ibitubabaza. Ukwizera kwanjye, ni uko imibabaro yacu ishobora guhindurwa no gucungurwa. Nta kintu kibi kiriho kitahindurwamo icyiza. Imana yacu ni umuhanga mu gucungura (guhindura ikibi icyiza) na cya kibi gikabije, ibyabaye nk’ibishingwe na rwaserera, Imana ibiha umurongo bikagira ishusho. Niko yakora n’ubu-mu buzima bwacu no mu buzima bw’ibihugu byacu, no kw’isi yose.... N’uyu mwanya, Imana irimo guhindura ibintu kw’isi..... idukoresheje, kuko Imana idukunda (1).

Umwami Yesu ari ku ngoma, byose biri muni ye, abantu, ibyaremwe, imico, imyuka yose.

Tugomba kubwiriza ubutumwa bwiza, tukuzuzanya inshingano yacu, tukita ku miryango yacu, dukora byose nk’aburage (citizens) b’ubwami bw’Imana, tugakora byose duhesha Imana icyubahiro.

Ikibazo kuri bose (cyangwa abicaranye):

Ese mubona Abanyafurika barigishijwe neza iby’ubwami bw’Imana n’uruhare rw’itorero mu bwami bwa Yesu Kristo? Sobanura.

Helping Without Hurting in Africa—Participant Manual

Yesu yabwirije ubutumwa bwiza bw'ubwami, yerekana ibikorwa byiza by'ubwo bwami. Itorero rikeneye kumwigana. Itorero muri Afurika rikeneye kwibaza: 'Ni iki twakora kugira ngo dufashe abababaye kuva mu ngorane barimo uyu munsi?

Amakosa 2 tugomba kwirinda:

Tursabwa kumera nk'abo mw'itorero rya mbere. **Ibyakozwe n'Intumwa 4:32-35**


Kuganira mu matsinda mato:

Ese, uyu munsi abanyetorero baba basengera hamwe bagafatanya umurimo w'Imana, bakaba banafashanya mu bibazo by'ubuzima nk'abo mw'itorero bya mbere (ryo mu Byakozwe n'Intumwa)?



Take-Home Activities

The take-home activities will include assignments or activities to be carried out in your community, church or place of work, applying the lessons you have learned. Depending on what fits your situation and position, choose one of these two activities to do in response to what you have learned in this lesson.

1. Preach a sermon to your church on one of the Bible passages from this lesson about justification by faith or the kingdom of God. Alternatively, preach on one of the Bible passages in the small group discussion questions.
 2. Have a conversation with your family, work colleagues, or community group about what you learned in this lesson concerning the kingdom of God. If they are interested and willing, try to organise a Bible study with them so that you can look at some of the key Bible passages mentioned in this lesson and discuss them together.
- 

Read the following Scripture passages (continued on the next page). Discuss together what God teaches us in these passages about how to love and care for poor people. If you run out of time to discuss all the passages, study the remaining passages at home on your own.

What general principles do these passages teach? What would it look like to try to apply these principles today in our time and culture?

Amos 2:6-7 and Amos 5:21-24

Leviticus 19:9-10

Deuteronomy 14:28-29

Proverbs 19:17

Proverbs 21:13

Isaiah 58:1-10

Luke 12:32-34

James 1:27

1 John 3:16-18

What can you and your church change to become more focused on Jesus and His kingdom? After discussing with each other how you will change, pray together as a group asking God to help you change.



Further Reflection

(Read this section at home for further learning)

Justification by Faith

African theologian Matthew Michael claims that the doctrine, justification by faith alone, is the least preached doctrine in African churches.² **Why do you think some African pastors don't preach about this doctrine?** Discuss this with a friend.

Sometimes pastors are afraid that if Christians believe in justification by faith, they will make excuses for their sins. But if people truly understand justification by faith, they will not be able to make this kind of excuse for sin. A person who is truly born again has a desire to please God and obey him. A good tree bears good fruit. Good works are evidence of true faith. Someone who has real faith in Christ will not use justification by faith as an excuse to sin. A true Christian will not be perfect, but he or she will not walk in sin. They will keep repenting, confessing, and trying to live for Christ.

Think about these questions and discuss them with others if you are able:

What could you or your pastor say during a sermon to make sure that people do not misunderstand justification by faith?

How would you counsel someone in your church who has been using justification by faith and God's forgiveness of sin as an excuse for disobeying God? What Scripture passages would you share with this person?

The Kingdom of God

Here are some more examples that illustrate how we already experience being in the kingdom of God now, but we are not yet experiencing the fullness of the kingdom of God until Jesus returns. Reflect on these examples.

Before Jesus came, people suffered from many sicknesses. After Jesus came with the kingdom, many people were healed of sicknesses and He even heals us today. Because the kingdom is not yet fully here, though, we are not always miraculously healed every time we get sick. In fact, we all die eventually. But when Jesus returns the second time, and the kingdom is complete, there will be no more sickness at all. And there will be no more death. We will live forever with Him.

When Jesus came, He set us free from slavery to sin. So now we have the power to say "no" to sin in our lives, but we still struggle with sin each day. We often do what we do not want to do. When Jesus comes again, He will completely take away our desire and ability to sin.

Before Jesus came, people did not experience the intimacy of God's presence as fully as we do now. After Jesus came, He sent us the Holy Spirit to be God's presence with us, but we still do not see Jesus face to face, which we will be able to do when He comes again.

Can you think of other examples that illustrate this feature of the kingdom of God?

Inspirational Stories

Read and reflect on these stories of churches that were taught about the kingdom of God. With a new mind-set focused on the kingdom of God, these churches greatly changed the way that they did ministry in their communities. Let us learn from their examples.

In 2005, in Rev. Emmanuel's church in central Burundi, the church members began literacy classes. After learning how to read, church members began reading the Bible and applying it to their lives. After learning about the kingdom of God, and that faith without works is dead, they began to get more involved in ministry and reaching out to the community. The church was able to teach people not only literacy, but also business skills and how to form community savings groups. Through these outreaches, the church has grown, regularly taking in new members. Their Sunday School program has grown from a few children to over 200 participants every week. The community was surprised when the church started to educate women and train them in financial management, but now their husbands are very grateful because they have seen the benefits of these trainings. Families from their church have new hope and new unity.³

Nigerian Anglican pastor, Canon Isaac, mobilised his church members as well as community members to undergo a program called Church and Community Transformation (CCT). It transformed the mind-sets of the people, giving them a more holistic view of the church's ministry. They were able to work together to build a simple health centre. Previously, they had to walk 1 hour to access the nearest health centre. They built the new health centre completely with their own resources. The health centre has blessed so many people, especially the 134 pregnant mothers who were able to safely give birth there so far! The church and community were also able to build a school. Because of this wonderful kingdom work, Isaac's church has grown from a few members to 170 members!⁴

In the year 2000, the leaders of Kampala Pentecostal Church in Uganda went to a conference and were taught a biblical worldview about Jesus' ministry and the kingdom of God. At the conference, God planted a desire in the leaders to reach out to their community with the love of Christ. The head pastor challenged the church members to identify the needs in their communities and take ownership of their problems. Church members went out and did very loving deeds in the community such as fixing wells, replacing roofs for homes of needy families, and providing food for orphans. At one time the church was looking after 1,200 orphans and built homes for about half of them! In addition, every cell group of the church was asked to look after a family with at least one person in the family having AIDS. The church members regularly go to these families, talk to them, hug them, and pray for them. If the person with AIDS in the family died, the

Helping Without Hurting in Africa—Participant Manual

group of church members would hold a worship service with the family. Even the Ugandan government noticed the church and named it one of the country's ten most influential organizations in combating AIDS. Through these ministries the church has grown to nearly 12,000 members.⁵

Line drawing by Justin Lonas.


Desmond Tutu, *God Has a Dream: A Vision of Hope for Our Time* (New York, Doubleday, 2004), vii-viii.

Matthew Michael, *Christian Theology and African Traditions* (Eugene, Ore., Resource Publications, 2013), Kindle ed., Loc. 5809-10.

From “The Kingdom in Action: A Case Study on Financial Education and Community Savings from Central Burundi”, Cuba Parish, Gitega Diocese, Bugenyezi Commune, Five Talents. Used by permission.

Shared with the Chalmers Center by Richard Lister. A story from Nigeria of Tearfund’s Church and Community Transformation program.

Scott Allen, Darrow L. Miller, and the African working group of Samaritan Strategy Africa, *Against All Hope: Hope for Africa* (Phoenix, Ariz., Disciple Nations Alliance, 2005), 49, accessed online: http://www.disciplenations.org/media/Against-All-Hope-Hope-for-Africa_ENGLISH.pdf.



**Helping Without Hurting
in Africa**

Igitabo cy'umugishwa



Isomo 3: Ubukene ni iki?

Ikibazo kuri bose

Ese uri umukene?

Hari abakene mufite mw'itorero/itsinda?

Muvuga ko kanaka ari umukene mw'itorero/itsinda muhereye kuki?

Kuva mu mwaka wa 1990, banki y'isi yabajije abantu benshi mu bihugu bitandukanye icyo ubukene aricyo cyangwa umukene ni nde. Ibi ni ibisubizo batanze: (reba igitabo cy'umwigisha)

Kuganira mu mastinda manini:

Mu busobanuro batanze, ni iki wumvise kidasanzwe?

Ni irihe tandukaniro riri hagati y'uburyo twasobanuye ubukene dutangira, n'uburyo abakene ubwabo basobanura ubukene?



Umwigisha: Ubusobanuro bw' ubukene

Uko dushaka gufasha abakene, ingorane ikomeye ni ukugira uko dusobanura ubukene bitandukanye n'uko abakene babyumva. Ubusobanuro (imyumvire) duha ubukene, bugena uko dufasha abakene.

Mu gihe dukorana n'abakene, ni ngombwa ko dusesengura (diagnosis) neza ibitera ubukene, mbere yo kwihutira gutanga umuti (igisubizo).

Ibyo dutekereza (twemera) ko ari yo mpamvu y'ubukene bizatuma dutanga umuti ujyanye nabyo:

- Nitwumva ko ubukene ari ukubura ibintu by'ibanze, nibyo tuzatanga.
- Nitwumva ko ubukene buterwa n'ubujiji tuzafasha abantu kujijuka.
- Nitwumva ko ubukene buterwa n'akarengane na ruswa nibyo tuzarwanya.
- Nitwumva ko ubukene buterwa n'ibyaha tuzabwiriza ubutumwa, twigishe abantu kumenya no kubaha Imana.

Ibitera ubukene

Nkuko twabivuze mu kurwanya ubukene, dukeneye gusuzuma neza ikibutera bityo tugatanga umuti nyawo. Niyo mpamvu dufata umwanya munini turebera hamwe impamvu nyakuri y'ubukene.

Ikibazo mu matsinda manini:

<p style="text-align: center;"><i>Ni ibiki bitera ubukene mu gihugu cyawe?</i></p> <p style="text-align: center;"><i>Ni ibiki bitera ubukene mw'itorero/itsinda ryawe, n'aho utuye?</i></p> <hr/> <hr/>

Tekereza ibi bibaye:

Umuntu aramutse yinjiye mu rusengero rwanyu (itsinda), akavuga ko yabuze amafranga y'ishuri ngo yishyurire abana. Mwamufasha mukamuha amafranga?

Iyo turebye abakene ku Isi, ibimenyetso byinshi barabisangiye. Abenshi ntibafite iby'ibanze. Ariko igituma batabigira bishobora kuba bitandukanye.

Yesaya 58:10—Imana iha umugisha uwitangira umushonji.

Hari ubwo ibyaha (si ibya nyirabyo gusa) n'ingaruka zimwe bitera ubukene:ubunebwe, ubusambanyi, kwiandarika, gukorana n'imyuka mibi (abapfumu), akarengane na ruswa (kudakorerwa ibyo wagombye gukorerwa), kudakora neza kw'inzego, indwara, ubumuga, indwara zo mu mutwe, gutotezwa no guhezwa, ibiza



Agakino (igitabo cy'umwigisha)

Andika ibyo wize muri aka gakino.

Ibibazo:

Ni iki gituma bigoye kumenya impamvu z'ubukene bw'umuntu?

Ni iki ba se wabo (uncle) na ba nyinawabo (aunt) bakora kugira ngo bafashe uyu muryango mu buryo bwiza?

*Ese bagombye guha amafaranga cyangwa ibindi bintu uyu muryango?
Kubera iki?*



Ni iki Bibiliya ivuga ivuga k'ubukene?

Inkomoko y'ubukene bwose mw'isi ni icyaha, byose byareye kuri Adamu na Eva.

Bibiliya ivuga ku Mana no ku mibanire yayo n’abo yaremye, n’ibyo yaremye. Uko byakurikiranye: Iremwa, icyaha (kugwa), gucungurwa, guhabwa ubwiza. Mwavuga muri make uko byagenze (bizagenda) muri buri gice cyavuzwe.

Iremwa

Icyaha (kugwa)

Gucungurwa

Guhabwa ubwiza

Uyu muni turi mu kihe gice cy’aya mateka?



Iremwa—ibice bine by’imibanire

Itangiriro 1-2

Bibiliya itwigisha Imana imwe mu butatu--abo batatu basangiye kamere y’Imana. Ibi byerekana ko Imana ari imibanire (relation). Kubera ko umuntu yaremwe mw’ishusho y’Imana, twaremewe kubana n’abandi. Muri iyi nkuru y’iremwa, hari imibanire y’uburyo 4 Imana yashakaga ko tugira.

CREATION




Fig. 2.1

Biri mu gitabo cya Bryant L. Myers, *Walking with the Poor (Kugendana n'umukene): Principles and Practices of Transformational Development (Amahame n'ibyakorwa mu kuzana impinduka)* (Maryknoll, N.Y.: Orbis Books, 1999), 27.

Imibanire n'Imana

Imibanire n'abandi

Imibanire n'ibyaremwe (ibidukikije)—Soma **Itangiriro 1:28-30**. Dusabwa kuba ibisonga bicunga neza ibyaremwe bindi. Iyi si ni iy'Imana. Imana yaduhaye iyi si kugira ngo tuyimenyereze, tuyikorere neza tuyirinde.

Imibanire nawe ubwawe (being)—Ni gute wiyumva ubwawe, witekerezaho iki? Imana yaturemeye kubana amahoro natwe ubwacu, twiyitaho mu bugingo no ku mubiri. Abantu bose baremwe mw'ishusho y'Imana. Umuntu wese akwiriye guhabwa agaciro kandi akubahwa.

Igihe iyi mibanire imeze neza, bituma abantu bashobora gukora ibyo Imana yabaremeye gukora. Bashobora kubaha Imana no gukora neza. Igihe iyi mibanire yose imeze neza, tuvuga ko habaye 'shalom.' Iri jambo mu ruheburayo risobanura amahoro aganje mu bice byose by'ubuzima. Mbere yuko Adamu na Eva bakora icyaha, ibintu byose byari byiza (shalom), nta mibabaro, nta nzara, nta ngorane, nta ndwara, nta bukene.



Icyaha (kugwa)—Imibanire y'uburyo 4

Itangiriro 3

Imibanire ya Adamu na Eva yari imeze ite batarakora icyaha?

Iyo mibanire yaje guhinduka gute nyuma yo kugwa mu cyaha?

Imibanire yabo n'ibindi byaremwe yaje kumera gute nyuma yo kugwa mu cyaha?

Bo ubwabo bibonaga bameze gute nyuma yo kugwa mu cyaha?

Ubukene ni ingaruka z'icyaha mw'isi (kugwa), umuntu yigometse ku Mana. Ubukene ni ingaruka zo guseniyuka kw'imibanire yo mu buryo bune. Kuko twese twagizweho ingaruka no guseniyuka kw'imibanire, nta kabuza ko twese tuzagerwaho n'ubukene bumwe cyangwa ubundi mu buzima bwacu.

THE FALL




Fig. 2.2

Byavuye mu gitabo cya L. Myers, *Walking with the Poor: Principles and Practices of Transformational Development* (Maryknoll, N.Y.: Orbis Books, 1999), 27.

Uburyo (amoko/types) bune bw'ubukene

Kubera ko ubukene buterwa no guseniyuka kw'imibanire, hari uburyo (amako) bune bw'ubukene bushingiye kuri ya mibanire, ukongera ubwa gatanu (5) buva mu ngaruka y'ubu bwoko bune bwavuzwe.

Ubukene bwo mu mwuka (Poverty of Spiritual Intimacy)

Ubukene mu mibanire n'abandi (Poverty of Community)

Ubukene mu micungire/ubusonga (Poverty of Stewardship)

(a. Kutarinda neza ibyaremwe/ibidukikije, b. Kudakorera neza ibyo ibyaremwe)

Ubukene mu mibanire na nje (poverty of Being)

Ubukene bw'ibifatika (Material Poverty)

None se, umukene ni nde? Twese turi abakene. Abantu bose bagira ubukene bumwe barwana nabwo kubera ugusenyuka kw'imibanire.

Igihe twakiriye Yesu, tubabarirwa ibyaha, tukagirana amahoro n'Imana, bityo tugatangira gukira bwa bukene bwo mu mwuka. Yesu atangira guhindura imitima yacu, bikadufasha guhangana na bwa bukene bundi busigaye.

Ugusenyuka kw'imwe mu mibanire gutera ubukene bw'ibifatika. Ubwo bukene nibwo kenshi abantu bakunze kubona no kuvuga. Buvugwa ku muntu udafite amafaranga cyangwa ibyo umuntu akenera by'ibanze nk'ibyo kurya, aho kuba, uko yakwivuza indwara.



Urugero: Ibyabaye kuri Mariya

Mariya atuye mu gace gakenye cyane mu gihugu cya Kenya. Yakuriye aho bavuga ko kuba umugore 'nta kigenda.' Ababyeyi be ntibamuhaye agaciro nk'abasaza be, bamukuye mu ishuri atarangije n'abanza. Yaje gushaka imburagihe asanga umugabo ufite abandi bagore benshi. Uwo mugabo yaramukubitaga buri gihe kugeza ubwo yaje gutoroka ajya kwibana. Yaje gukena aratindahara. Kubera ipfunwe no kwibura ntiyasohokaga ngo asabe akazi cyangwa ibiraka. Abuze byose, yiyemeza gutangira ubucuruzi buto. Yari akeneye uwo yaguza ay'igishoro.

Helping Without Hurting in Africa—Participant Manual

Yahawe umwenda n’abantu basaba inyungu z’ikirenga (300%) (Lamberi). Niko gutangira gucuruza amakara mu gasoko aho ibiciro byari hasi. Nubwo yahombaga, ntiyatekereje guhindura ngo ashake ibindi byamuhesha inyungu abone uko yishyura umwenda.

Amaze kuburanirwa, yashatse umpfumu ngo amukorere umuti. Umupfumu aza kumwemeza ko guhomba yabitewe n’uburakari bw’abakurambere kuko yariye arabima. Amusaba kugura ikimasa ngo agitangeho igitambo. Utwo yari asigaranye yahise atugura icyo kimasa ngo ahoshe uburakari bw’abazimu. Ibyo ntacyo byatanze uretse kumwongerera ubukene, bimutera ukwivumbura no kwiheba. (1)

Ibibazo mu matsinda mato:

1) Ni ubuhe bukene Mariya yari afite uretse ubw’ibintu bifatika?

2) Ni gute ubwo bukene bundi bwatumye Mariya arushaho gukena mu bifatika?

3) Iyo uza guha Mariya amafaranga, ubona byari gukemura ikibazo yari afite?

4) Ni iki cyari gufasha Mariya mu buryo bwiza, bigatuma amako y’ubukene yari afite yose abona umuti?



Take-Home Activities

The take-home activities include assignments or activities to be carried out in your community, church, or place of work, applying the lessons you have learned.

Think of at least one person you know in your church or community in need of help. Try to help this person holistically, in all four of their key relationships. Commit to helping this person over a long period of time. Tell your family about what you plan to do and see if they will commit to helping this person along with you. You might consider beginning by inviting the person to your home for a meal, so that you can build the relationship and get to know one another. Pray for this person every day. Once a month, take time to think about this person and their four key relationships, and review how you've been helping, and what more you could be doing. These are questions you can ask yourself regularly:

- How have I been helping this person grow in their relationship with God?
- How have I been helping this person to have hope, and not feel inferior or worthless?
- How have I been helping this person to have a better relationship with his or her family, friends, and neighbours?
- How have I been helping this person to get meaningful work to do to support him or herself?

Small Group Discussion Questions

Think about your own life. What are some ways in which your relationships with God, self, others, and the rest of creation need healing? What are some specific things you can do to seek God's healing in these relationships in the next two weeks?

Have any of the four broken relationships contributed to material poverty in your life or in the life of one of your family members? Which ones? If you feel comfortable doing so, share your answer with your group members. If the problem is ongoing, discuss together how the broken relationship could be addressed.

(Questions continued on page 34)

3a) Briefly, tell your group members a personal story about a time that you helped a poor person. (Example: I could say, “Last week, I met a beggar in the market and I gave him some groundnuts.”) Complete parts a. and b. completely for one story, before the next person shares a story. There will not be time for every person in the group to share a story.

3b) Analyse each story that is shared in your group. Critique other people’s stories with love and gentleness.

Did the group member help the poor person to have less material poverty?

Explain. ○ **(Example: “Yes—I gave the beggar food to provide for his need.”)**

Did they help the poor person to have less poverty of spiritual intimacy? Explain.

(Example: “No—I did not help the beggar to grow in his relationship with God.”)

Did they help the poor person to have less poverty of being? Explain.

(Example: “Yes—I shook his hand and talked to him, trying to show him he has dignity and value.”)

Did they help the poor person to have less poverty of community? Explain.


(Example: “No—I did not help him meet new people or get involved at a church.”)

Did they help the poor person to have less poverty of stewardship? Explain.

(Example: “No—I did not help him to find meaningful work in God’s world.”)

Line drawing by Lisa Brown based on an Adobe Stock Photo.

¹Steve Corbett and Brian Fikkert, *When Helping Hurts, 2e* (Chicago: Moody Publishers, 2012), 60.



Helping Without Hurting
in Africa

Igitabo cy'umwigishwa



**Isomo 4: Gusenyuka
kw'imibanire muri Afurika**

Ibibazo mu matsinda

1) *Tanga ingero zerekana ko ubukene bwo mu mwuka (mu by'umwuka) buri mu itorerero/itsinda n'aho utuye.*

2) *Tanga ingero zerekana ubukene mu mibanire mu itorerero/itsinda, n'aho utuye.*

3) *Tanga ingero zerekana ubukene mu micungire/ubusonga (stewardship) mu itorerero/itsinda n'aho utuye.*

4) *Tanga ingero zerekana ubukene mu bugingo (uko umuntu abana nawe ubwe) mw'itorero/itsinda n'aho utuye.*



Umwigisha

Muri iri somo, turarebera hamwe uko ubukene bw'uburyo bune bugaragara muri Afurika n'uburyo bwugarije aho dutuye uyu muni (community).



Ubukene bw'ibifatika (material)

Ugusenyuka kw'imibanire yo mu buryo bune yatumye benshi bagira ubukene bw'ibifatika. Ubwo bukene burangwa no kubura iby'ibanze bihagije birimo ibyo kurya, imyambaro, aho kuba, ukwivuzandetse no kwigira kwigira. Ubwo bukene bw'ibifatika buhinduka nk'umutego abantu bafatiwemo badashobora kwikuramo.

Igishushanyo kiri hasi kerekana ingero z'ubukene bune:

BROKEN RELATIONSHIPS



Fig. 3.1

Adapted from Bryant L. Myers, *Walking with the Poor: Principles and Practices of Transformational Development* (Maryknoll, N.Y.: Orbis Books, 1999), 27.

Ubukene bwo mu mwuka

